



MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL
RESOURCES (MINAGRI)

IMFASHANYIGISHO KU BUHINZI BW' IMITEJA Y'IBISHYIMBO



SEAD
Strengthening Education for
Agricultural Development

1. NI IKI TWAKORA KUGIRANGO IMIRIMA YACU IDUHE UMUSARURO MWIZA?

- Kurwanya isuri
- Kurima bwa mbere no kurima bwa kabiri
- Gusekera ibyumweru 2 mbere y'uko imvura igwa ku nshuro ya mbere no gusanza mu gihe cy'itera
- Koresha ishwaraga ibyumweru 2 mbere yo gutera ku butaka busharira
- Imiteja ikunze kwera mu butaka bufite ifumbire ihagije
- Imiteja ikunze kwera mu butaka buseseka kandi bw'isi ndende

2. NI IZIHE NYONGERA MUSARURO, INGANO YAZO N'IBIKORESHO DUKENERA KURI ARI (ARE) IMWE?


Imbuto	Imborera	Ishwagara	DAP	KCL	Urea	Umugozi	Inkoni zifite	Agafuniko
Kg 0.5 (Inusu)	Kg 250	Kg 25	Kg 1.6	Kg 1.3	Kg 0.5 (Inusu)	1	m1 cm 20 cm 40cm cm50	1ka fanta 1 k'amazi

3. NI IYIHE NTERA DUKORESHA DUHINGA IMITEJA?


A. Ku myobo

Ubwoko bw'imateja	Intera hagati y'umurongo n'undi	Intera hagati y'umwobo n'undi iri ku murongo umwe	Ubuajakuzimu bw'umwobo
Imiteja migufi	Cm 40	Cm 20	Cm 10
Imiteja Ishingirirwa	Cm 50	Cm 20	Cm 10

Imiteja migufi




Imiteja Ishingirirwa



B. Ku miferege

Ubwoko bw'imiteja	Intera hagati y'umurongo n'undi	Intera hagati y'umwobo n'undi iri ku murongo umwe	Ubuajakuzimu bw'umwobo
Imiteja migufi	Cm 40	Cm 10	Cm 10
Imiteja Ishingirirwa	Cm 50	Cm 10	




4. NI GUTE BATERA IMITEJA Y'IBISHYIMBO?

A. Ku myobo

- Gucukura imyobo ya cm 10
- Gushyira muri buri mwobo ikiganza cyuzuye imborera ukawugeza kuri cm 5
- Imiteja migufi
- Gufata DAP intoki eshatu kugeza muni y'urugingo rwa gatatu ugashyira muri buri mwobo
- Gufata KCl intoki eshatu kugeza muni y'urugingo rwa gatatu ugashyira muri buri mwobo
- Guhoza (Kurenzaho agataka gake hejuru y'imvaruganda)
- Gushyira intete 2 mu mwobo
- Gutwikira neza n'itaka kuburyo utamenya aho umwobo wari ucukuye



Icyitonderwa: Intera nyayo yoroshya imirimo y'ibagara no gutera umuti



A. Ku miferege

- Guca umuferege wa cm 10
- Gushyiramo ibiganza byuzuye imborera kuri metero 1
- Gushyira mu gaferege ka metero 1 agafuniko kamwe ka fanta kuzuye neza DAP
- Gushyira mu gaferege ka metero 1 agafuniko kamwe ka fanta katuzuye neza ka KCl
- Guhoza (Kurenzaho agataka gake hejuru y'imvaruganda)
- Gushyira intete mu muferege zigatandukanywa na cm 10
- Gutwikira neza n'itaka kuburyo utamenya aho umwobo wari ucukuye
- Intera nyayo yoroshya imirimo y'ibagara no gutera umuti

Icyitonderwa: Intera nyayo yoroshya imirimo y'ibagara no gutera umuti



5. NI GUTE KANDI NI RYARI BAKENURA IMITEJA Y'IBISHYIMBO

- Imiteja y'ibishyimbo isukirwa bifite amababi 4
- Ibagarwa bwa mbere imaze ibyumweru 3-4
- Kuvomerera bikorwa igihe cyose ari ngombwa
- Mu kubagara witondera guhungabanya imizi y'igihingwa
- Gushingirira imiteja yurira

6. IMITEJA YURIRA ISHINGIRIRWA RYARI?

- Ibishyimbo bigize amababi 4
- Nyuma yo kubagara no kubisukira
- Ushobora gukoresha ibiti bisanzwe cyangwa se uruzitiro rw'ibiti ruvanze n'imigozi



7. NI RYARI IRE YONGERWA MU MURIMA W'IMITEJA ? TWONGERAMO INGANA ITE? BIKORWA BITE?

Ryari


- Nyuma y'ibyumweru 4 wongeramo ire

Ingano

- Kg 0.5 (Inusu) kuri are imwe
- Agafuniko 1 k'icupa ry'amazi kuzuye ire kuri buri metero 5

Uko bikorwa

- Guca agaferege ka cm 7 uvuye ku bishyimbo maze ushyiremo ire maze urenzeho agataka gake.




8. NI UBUHE BURYO BWIZA BWO GUSARURA NO GUFATA NEZA UMUSARURO W'IMITEJA Y'IBISHYIMBO

- Imiteja migufi isarurwa hashize iminsi 45 itewe igasarurwa inshuro 3 kugeza kuri 5 mu gihembwe cy'ihinga.
- Naho imiteja ishingirirwa itangira gusarurwa hashize iminsi 60 itewe igasarurwa inshuro 3 kugeza kuri 5
- Gusarura bikorwa igihe hatari imvura nyinshi mu gitondo.
- Imiteja isarurirwa mu gikoresho cya parasitike kitayikomereza, gifite imyenge kandi gishobora kozwa
- Si byiza kuvanga imiteja n'ibindi bintu cyangwa n'izindi mbutu mu bubiko bumwe kuko bituma isaza vuba.

INDWARA Z'INGENZI N'IBYONNYI BIKUNZE KWIBASIRA IMITEJA Y'IBISHYIMBO

Akaribata/ Nyiragakeca (Anthracnose)

- Amabara y'uruziga asa n'ikigina kivanze n'ikijuju ku misogwe. Iyo uburwayi bukaze, imiteja irangirika.
- Iyi ndwara irangwa kandi n'imirongo miremire isa n'ikijuju ku dutsi tw'amababi.



Uko wayirinda

- Tera imbuto itarwaye (yasaruwe ku misogwe itarwaye),
- Ubahiriza igerambuto ritaganywa.
- Vana mu murima ibishogoshogo by'ibishyimbo byarwaye ubitabe mu kimoteri.
- Simburanya ibihingwa mu murima.



Uko wayirwanya

- Guhungiza imbuto umuti witwa Carbendazin
- Tera umuti urimo kwivure (g 22.5 z'umuti muri litiro 15 z'amazi). cg cororotalonire (g 37.5 z'umuti muri litiro 15 y'amazi).

Indwara y'ikiziga:(Ascochitose)

- Amabara y'ikigina yeruruka agiye akora inziga ku mababi.



Uko wayirinda

- Tera amoko yihanganira iyi ndwara,
- Simburanya ibihingwa mu murima
- Vana mu murima ibishogoshogo by'ibishyimbo kandi wirinde kubifumbiza imirima izaterwamo ibishyimbo.

Uko wayirwanya

- Guhungiza imbuto umuti witwa Carbendazin
- Tera umuti urimo kwivure (g 22.5 z'umuti muri litiro 15 z'amazi) cg cororotalonire (g 37.5 z'umuti muri litiro 15 y'amazi).

Inda/Ubuhunduguru

- Ni agakoko gafite nka mm 1-2 z'uburebure ; gatungwa no kunyunyuza ibimera gafasheho.
- Gafata cyane cyane amababi n'uruti bikiri bito n' indabo.
- Inda zikwirakwiza virusi nyinshi zitera indwara.
- Umushongi w'inda ukurura uduhumyo tw'umukara dutwikira ikibabi bigatuma kidakurura neza ibitungagihingwa.



Uko wazirinda

- Terera igihe,
- Gufumbira no kubahiriza imirimo yose ikorerwa ibishyimbo
- Hinga kijyambere ku buryo ibishyimbo bikura vuba,
- Ubahiriza igerambuto riteganywa
- Simburanya ibihingwa mu murima

Uko wazirwanya

- Gutera imiti yica udukoko nka Lambda-Cyhalothrin (ml 1 ml muri L 1 y'amazi)

Isazi y'ibishyimbo

- Iyi sazi ifata igice cy' igihimba cyegereye ubutaka.
- Ibishyimbo bikura nabi n'amababi agahinduka umuhondo.



Uko bazirinda

- Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica udusimba
- Sukira igihe kitararenga
- Fumbira uko bikwiye
- Simburanya ibihingwa mu murima

Icyitonderwa: Egera umujyanama mu buhinzi akubwire umuti uri ku isoko mu gihe cyo gutera umuti

nuffic

SEAD is funded by the Netherlands Ministry of Foreign Affairs through the NUFFIC, Netherlands Initiative for Capacity development in Higher Education (NICHE) programme, and implemented through a partnership between Rwanda Development Board (RDB) and Mott MacDonald in consortium with SNV, Delphy BV, Q-point BV, Maastricht School of Management, Stellenbosch University, Delft University of technology and Van Hall Larenstein University of Applied Sciences.



Iyi mfashanyigisho yakozwe ku bufatanye na: MINAGRI, RAB, NAEB, RDB
SEAD, UR na IPRC HUYE

